mvaho Nshya
Soma usobanukirwe buri munsi

No Comments | 44 views

Abarangiza amashuri abanza barakora ingendoshuri mu nzego zitandukanye

September 15th, 2014

Like Share 84 Tweet 0 Share Share this

BAHUWIYONGERA Sylvestre:

Spell And Grammar Check
dictionary.myway.com
Free Homepage Spell Checker Here. No Browsing Needed. Try Now!

Rusizi: Mu rwego rwo kurangiza neza amashuri abanza basura ibigo bimwe na bimwe bikorera mu karere ka Rusizi bakareba imikorere yabyo ndetse bimwe banabikuraho amasomo y'ingenzi azafasha, abanyeshuri bagera kuri 78 bo ku ishuri ribanza rya Mihabura rihererereye mu kagari ka Nyange, mu murenge wa Bugarama, mu karere ka Rusizi basuye basuye ibigo bitandukanye birimo iby'itangazamakuru.

Mu kiganiro n'Imvaho Nshya, umuyobozi w'iryo shuri Ndagijimana Japhet yavuze ko urugendo nk'uru abanyeshuri bakora cyane cyane abo mu mwaka wa 6 w'amashuri abanza, barukora mu rwego rwo kwagura imitekerereze.

Yakomeje avuga ko nko ku bijyanye n'itangazamakuru bazakomeza gukundisha abana itangazamakuru, ndetse bakaba bagiye no gushyiraho itsinda rikora ibijyanye n'itangazamakuru (Media Club),bizatuma abayirimo bazajya na bo batara amakuru ari hirya no hino iwabo bayageze kuri bagenzi babo.

Ingabire Amina na Niyonkuru Jean Paul, bamwe muri abo banyeshuri bavuze ko bahakuye umugambi wo kurushaho gukunda itangazamakuru no kuzaba abanyamakuru beza b'igihe kizaza, ndetse no gufasha ababyeyi babo guhindura imyumvire mu bijyanye n'iterambere ry'uwo murenge bagaharanira kuva mu bukene bukabije bakirimo.

Aba banyeshuri basuye radiyo y'abaturage ya Rusizi, berekwa ahakirirwa Imvaho Nshya, bari banabanje gusura uruganda rw'icyayi rwa Shagasha banasura ibitaro bya Gihundwe aho bigishijwe uburyo bwo kwirinda SIDA, byose bakavuga ko byababereye ingirakamaro cyane.

Related Posts :

Nijeriya : Urujijo ku mibare y'abapfiriye m...

No Image
Kasaï : Impanuka y'ubwato yishe abarenga 3...

No Image
Tuniziya : Abakandida 70 ku mwanya wa Perezid...

Ariana Grande mu bahanzi bashya bahawe ibihem...